**Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda**

Umuryango w'Abibumbye

Arusha International Conference Centre
P.O. Box 6016, Arusha, Tanzania
Tel: 255 27 2504207-11/2504367-72 or 1 212 963 2850 — Fax: 255 27 2504000/2504373 or 1 212 963 2848

30 Mata 2013

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
14/04/2014 11:12

| | |
|---|---|
| Kuri : | Perezida w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda<br><br>Perezida w'Urwego rushinzwe kurangiza imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga |
| Binyujijwe kuri : | Bongani Majola,<br>Gerefiye wa TPIR |
| Byanditswe na : | Constant K. Hometowu, Umugenzuzi washyizweho na TPIR mu rubanza rwa Uwinkindi [Umukono] |
| Impamvu | **Raporo y'umugenzuzi washinzwe gukurikirana urubanza rwa Uwinkindi (1–30 Mata 2013)** |

**Intangiriro, Imvo n'Imvano**

1. Mbagejejeho iyi raporo nk'umukozi w'ibiro bya Gerefiye wa TPIR washinzwe kugenzura no gukurikirana urubanza rwa Jean Uwinkindi wimuriwe muri Repubulika y'u Rwanda kandi uhaburanishirizwa, hashingiwe ku Ngingo ya 11

itariki ya 19 Mata 2012, hashingiwe ku « Cyemezo Urugereko rw'Ubujurire rwafashe nyuma y'uko Uwinkindi ajuririra Icyemezo cyimuriraga urubanza rwe mu Rwanda n'ingoboka zajyanaga na cyo[2]. Urugereko rw'Ubujurire rwashimangiye Icyemezo cyafashwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kuri iyo ngingo. Urubanza rwa Uwinkindi ubu rugeze ku rwego rw'iburanisha mbanzirizarubanza.

2. Jean Uwinkindi aregwa ibyaha bibiri : Jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu.

3. Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa mbanzirizarubanza byabaye mu kwezi kwa Mata 2013.

**Itegeko rigena ingengabihe y'iburanisha : 16 Mata 2013**

4. Nk'uko biboneka muri raporo y'ubugenzuzi irebana n'ukwezi kwa Werurwe 2013, Urukiko Rukuru rw'u Rwanda rugizwe n'Abacamanza Alice Ngendakuliyo, Perezida, Angeline Rutazana na Cassien Nzabonimana, rwatangaje ko ruzasoma Icyemezo cyarwo ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ishyirwaho ry'abapererezi bigenga, ku wa kabiri ku itariki ya 16 Mata 2013.

5. Ku munsi wagenwe iburanisha ritangiye, Perezida w'Urukiko yamenyesheje impande zombi ko Ubwunganizi bwagejeje k'Urukiko ku itariki ya 15 Mata 2013, umunsi ubanziriza uw'iburanisha, inyandiko z'inyongera zirebana n'Icyifuzo bwari bwaratanze. Urukiko rwerekanye urutonde rw'inyandiko z'inyongera zatanzwe n'Ubwunganizi :

---

[2] Urubanza Jean Uwinkindi aburana na Porokireri , N°ICTR-01-72-AR11*bis*, « Icyemezo ku bujurire bwa Uwinkindi ku Cyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda n'ingoboka zijyana na cyo », 16 Ukuboza 2011.

- Kopi y'amasezerano yasinywe hagati y'Urugaga rw'Abavoka b'i Kigali (KBA) na Jean Uwinkindi ;
- Kopi y'amasezerano yasinywe hagati ya KBA na Minisiteri y'Ubutabera y'u Rwanda ku byerekeye igihembo kirebana no kunganira abantu batagejeje ku myaka y'ubukure;
- Kopi ya raporo z'inama zahuje Minisiteri y'Ubutabera y'u Rwanda, NPPA na KBA zigamije gusuzuma ikibazo cy'ibihembo by'Abavoka ba Uwinkindi ;
- Kopi y'ibaruwa yo ku itariki ya 9 Nyakanga 2012 yanditswe na Gatera Gashabana, Avoka mukuru wa Jean Uwinkindi, asaba ishyirwaho ry'abapererezi bigenga bakenewe mu ikipe y'Ubwunganizi bwa Jean Uwinkindi ;
- Kopi ya fagitire yatanzwe na Gatera Gashabana irebana n'igihembo cye kubera akazi yakoze ;
- Kopi y'inyandiko yavuye muri TPIR igaragaza ibihembo by'Abavoka bunganira abaregwa muri TPIR;

Urukiko rwasanze izo nyandiko zikubiyemo ibintu bishya bishobora guteza imbere inyungu z'ubutabera, akaba ari yo mpamvu isomwa ry'Icyemezo cyarwo ryimuriwe ku wundi munsi. Iburanisha rero ryarasubitswe, Urukiko rutegeka ko mbere yo gusoma Icyemezo cyarwo, ruzabanza kumva, ku itariki ya 25 Mata 2013 Imyanzuro y'ababuranyi mu magambo ku ngingo nshya.

**Itariki yagenwe yo kumva Imyanzuro mu magambo : 25 Mata 2013**

6. Iburanisha ryarasubukuwe ku itariki ya 25 Mata 2013 nk'uko byari biteganyijwe. Ariko kandi Urukiko rwamenyesheje ababuranyi ko Perezida w'inteko atashoboye kuboneka kubera impamvu zitamuturutseho. Bityo rero, urubanza rwarasubitswe kugeza ku wa kane ku itariki ya 1 Gicurasi 2013, itariki Urukiko ruzumvaho Imyanzuro y'ababuranyi mu magambo.

**Inama nagiranye n'Uregwa, muri gereza**

7. Mbere yo gusura Uregwa muri gereza, nahuye n'Umuyobozi wa Gereza, Gahima. Yamenyesheje ko Jean Uwinkindi ameze neza kandi ko akomeje kugira disipuline. Yavuze ko nta na rimwe yigeze yumva Uregwa yinuba, kandi ko akomeje gusurwa n'umuryango we n'Abavoka be nta kibazo.

8. Nyuma y'aho, nahuye n'Uregwa, ntiyagira icyo yinubira kirebana n'uko afashwe muri gereza. Ikibazo cy'ingenzi yangejejeho ni uko Urukiko rwakwemera ishyirwaho ry'abapererezi bigenga, mu rubanza rwe.

**Umwanzuro**

Ndateganya gusubirayo igihe hazaba habaye iburanisha ryo kumva Imyanzuro y'ababuranyi mu magambo, ku itariki ya 2 Gicurasi 2013.

9. Tubaye tubashimiye ukuntu muzakira neza iyi raporo.

- - - - -